NTAKAVURO Protais
Secteur GIKONDO
B.P. 465 KIGALI.-

Gikondo, le 28/03/1988

A traiter par ...183 191R... 6/88 4
Date d'entrée ...30 MARS 1988...
N° classement ...DAJ/N.I/PROC 1252

Kuli Militant Prokireli wa Republika
B.P. 136
K I G A L I .-

Impamvu: Gutanga ikirego

Militant Prokireli wa Republika,

Mbanjye kubasuhuza kandi mbifuliza amahoro. Ikinteye kubandikira ni ukubagezaho ikirego cy'abantu duturanye bagabye igitero mu rugo rwanjye bakoresheje ababoyi babo bakaba bali babifitemo inyungu zitazwi. Abo bantu ni aba: - umugabo witwa BIREKERAHO Anastase," Juriste muli ORTPN i Kigali, akaba yarashatse aliko umugore we akaba akora i Butare, n'umugore witwa Béatrice BAMURANGE " femme libre ". Tukaba twese ducumbitse mu mazu y'umugabo witwa Samson NIYONZIGIRA i Gikondo imbere y'ibiro bya Secteur. Ibyo bikaba byarabaye taliki ya 28/02/1988 ntahali kuko nali nagiye kureba umupira wahuzaga KIYOVU Sport na EXPRESS y'i Bugande. Mu byukuli intandaro y'icyo gitero nkaba ntayizi. Icyo nzi cyo ni uko uwo Béatrice yigeze gukorana n'umugore wanjye kwa MURRI FRERES i Gikondo akaba yarahavuye kandi tukaba tumaranye igihe gitali gito muli ubwo bucumbitsi. Ikindi ni uko yagiye agira uruhare runini mu kutwirukanira ababoyi. Uwo BIREKERAHO we yali amaze iminsi mike yimukiye muli ayo mazu akaba yaracuditse na Béatrice ku buryo bw'umwihaliko.

Uko nabyumvise, umuboyi wa BIREKERAHO Anastase ali we NIKODEMU alias Toto yaraje yubikira umuboyi wanjye witwa BARAFASHIJE Jean Pierre amukubita ubuhiri mu mugongo ku buryo yahise yitura mu byombo yali ali kwoza agakomereka mu kanwa. Umuboyi waBéatrice witwa BIZIMANA ni we wamucungiraga. Umugore wanjye yali aliho aganira n'umushitsi wali watugendereye. Nibwo bahise bamuterura bamujyana mu nzu bamuryamisha ku gitanda bashyushya amazi baramukanda kko yali ameze nabi cyane. Ibyo byabaye ali nka saa kumi n'igice. Muli izo mvururu bakaba bashobora kuba barahutaje umwana wanjye w'uruhinja rufite amezi cumi rwali ruryamye aho hanze. Ingaruka yagaragaye nyuma. Ku manywa umuboyi wa BIREKERAHO n'uwa Béatrice ngo bali biriwe bakina akadenesi aho nyine mu gipangu, umuboyi wanjye yiowa n'imilimo ( mu rugo rulimo abana akazi kaba kenshi ). Kuli ayo manywa nibwo batangiye kumusotora akagerageza kubiyama . Ni mugoroba amaze kworoherwa nibwo yandaye ajya kuli Brigade i Gikondo ( uretse ko nta rwandiko bamuhaye ) akanabimenyesha umuselire witwa Karoli.

.../...

Ntashye ni mugoroba mu ma saa mbili nibwo nsanze imbabura yazimye umuboyi wanjye adahali. Nibwo umugore wanjye antekerereje ibyabaye. Nibwo ngiye kureba shebuja w'uwo muboyi nsanga adahali. Mbajije umuturanyi ali we Béatrice ambwira ko atabizi kuko ngo atali ahali. Icyakora uwo muboyi wa Anastase yanyibwiriye ubwe ko ali we wakubise umuboyi wanjye BARAFASHIJE Jean Pierre ku buryo yansabye imbabazi. Hagati aho umuboyi wanjye aba arahageze abwira uwo Nikodemu ko bamumutumye kuli Brigade.Undi yahise agira ubwoba yirukankana mu ~~masu~~ ngo zo hepfo ,hashize akanya aba aragarutse. Samusoni nyil'amazu aba arahageze tumutekerereza ibyabaye. Umuboyi wa Anastase yemerera Samson ko yarwanye. Muli iyo interrogatoire umuboyi wanjye yashatse gufata uwo Nikodemu avuga ko bamumutumye kuli Brigade Samson aba amukubise urushyi yitwaza ko amuciye mu ijambo.

Bukeye mu gitondo,umuboyi wanjye yazindukiye kwa muganga i Kigali,ntiyashobora kubonana na selire Karoli mu ma saa bali baraye basezeranye. Shebuja wa Nikodemu aho atahukiye mu gitondo,atiriwe abaza abaturanyi be ukuntu umuboyi we yaraye arwanye,yihutiye kujya kuregera IPJ BARAWIGIRIRA Augustin ukorera muli kanto i Gikondo avuga ko njyewe n'umugore wanjye twamuteye mu rugo adahali tukamukubitira umuboyi. IPJ BARAWIGIRIRA yihutiye kwandika " Convocation " atiriwe ategereza anketi yagombaga gukorwa n'abaselire. Narezwe ndi ku kazi aho nakoraga muli Ambassade ya Tanzaniya. Kubera gukora " GONG UNIQUE " namenye ko narezwe ali uko ngeze mu rugo ni mugoroba nkahasanga "Convocation yazanywe na BIREKERAHO Anastase,bikaba byarantangaje cyane. Kubera ko aho umuboyi wanjye yavuye kwa muganga agasanga bamaze kurega,yahisemo kwitaba. Nagombaga kwitaba IPJ taliki ya 1/03/1988 saa moya aliko nabanjye kujya kubivuga ku kazi. Nageze ku biro byaIPJ saambili na cumi n'itanu nsanga na we adahali. Aho aziye yakomeje kundindagiza umunsi wose ali nabyo byabaye intandaro yo kwirukanwa ku kazi nakoraga ka " Interprète " muli Ambassade ya Tanzaniya. BIREKERAHO Anastase we yiriwe yerekana ikimenyane gihagije mu biro bya Canton,yerekana impapuro yali yateguye abagombaga kumushigikira ali bo Béatrice,BIZIMANA na NIKODEMU umuboyi we. Na none igihe cya interrogatoire yahagaze munsi y'idilishya kwa IPJ yumva ko amagambo yabateguliye ali yo bavuga. Umuboyi wanjye BARAFASHIJE yabajijwe bukeye taliki ya 2/03/1988 mu gitondo,IPJ BARAWIGIRIRA aboneraho no kumusonga amukubita anamutegeamagambo agamba gusubiza. Abagabo bashobora kwemeza ko IPJ BARAWIGIRIRA yakubise umuboyi wanjye muli interrogatoire barahali. IPJ BARAWIGIRIRA yemeye ko umuboyi wanjye yakubiswe ubuhiri koko ali uko umugore wanjye amuhamagaje nawe akirebera igihe yakorerwaga interrogatoire taliki ya 3/03/1988. Ali imbere ya Samusoni,ali mu baturanyi,uwo muboyi wa Anastase ntiyigeze avuga ko hali n'urwara nigeze murya,ni nayo mpamvu nemeza ko halimo ka "tena ".

Na none muli interrogatoire,IPJ yateye ubwoba umugore wanjye amubwira ko ali umu "Juriste " watureze tudashobora kubyivanamo. Nyine uwo BIREKERAHO, Juriste ,yinjiye mu biro bya IPJ atazi ko ali umugore wanjye ulimo,abwira IPJ ko ibyemezo bya Docteur atarabibona. Kubera kumwara,IPJ yahise amwuka inabi amubwira ko atali we ugomba kumutunganyiliza ibibazo bye byose. Umuboyi wa BIREKERAHO ntiyigeze ajya kwa muganga. Hashyize hafi ukwezi umuboyi wanjye akubiswe,na nubu ibimenyetso biracyagaragara.

Kugera ntanga iki kirego,IPJ yanze kumbwira nimero za dos

... / ....